UBUTUMWA BWA PAPA FRANSISIKO YAGENEYE UMUNSI MPUZAMAHANGA WA 23 WO KUZIRIKANA KU BARWAYI

(ku ya 11 Gashyantare 2015)

UBUHANGA BW'UMUTIMA

Nareberaga impumyi, nkagendera igicumba (Yobu 29, 15)

Bavandimwe nkunda,

Kuri uyu Munsi mpuzamahanga wa 23 wagenewe kuzirikana ku barwayi washyizweho na Mutagatifu Yohani-Paulo wa 2, ndashaka kugeza ubutumwa bwanjye kuri mwebwe mwese muremerewe n'umuruho w'uburwayi ubashushanya na Kristu mu buryo bwinshi butandukanye mu bubabare bwe, namwe mukora umurimo w'ubuvuzi ndetse namwe abakorerabushake mu bijyanye n'ubuzima.

Insanganyamatsiko y'uyu mwaka iradukangurira kuzirikana interuro dusanga mu gitabo cya Yobu igira iti : «*Nareberaga impumyi, nkagendera igicumba (Yobu 29,15) Ndashaka kuyizirikanaho ngamije kubakangurira kugira ubuhanga bw'umutima.*

1. U*bwo buhanga si bwa bundi bushingiye ku bumenyi bwo mu magambo gusa, ubumenyi bw'ibidafatika butangwa no gutekereza cyane*. Ahubwo nk'uko mutagatifu Yakobo abivuga mu ibaruwa ye, ni «ubukomoka mu ijuru. Ni ubuziranenge, ni ubunyamahoro, ni ubunyarugwiro n'ubunyampuhwe, bukaba busendereye ineza kandi bukarumbuka imbuto nziza, ntibugira aho bubogamira kandi ntibugira uburyarya.» (Yak 3,17). Ni imyitwarire itangwa na Roho Mutagatifu ashyira mu mutima w'umuntu ingabire yo kumva ububabare bw'abandi kandi akababonamo ishusho ry'Imana. Ni yo mpamu dukwiriye guhora dusubiramo iri sengesho kandi tukarigira iryacu : « utwumvishe ko iminsi yacu ibaze, bityo tuzagire imitima

ishishoza »Zab 90 ,12. Ni muri ubwo buhanga bw'umutima, bwo mpano y'Imana, dusangamo incamake y'icyo uyu munsi mpuzamahanga wahariwe kuzirikana ku barwayi ukwiye kudusigira.

2. *Kugira ubuhanga bw'umutima ni gufasha umuvandimwe*. Mu ijambo rya Yobu ari naryo rikubiyemo aya magambo « nareberaga impumyi, nkagendera igicumba» hagaragariramo uburyo umuntu w'inyangamugayo ushyira mu gaciro kandi akagira umwanya ugaragara mu bakuru b'umujyi agomba kugira icyo amarira abamukeneye. Ubunyangamugayo bwe bugaragarira mu kwita ku mukene utakamba ashaka umufasha, kimwe no mu kwita ku mfubyi ndetse n'umupfakazi (Yobu 29,12-13)

Ndasaba ko muri iki gihe na none abakristu barushaho gutanga ubuhamya nk'ubwo bagaragaza ko ari « amaso y'impumyi» n'« amaguru y'abacumbagira » bitari mu magambo ahubwo mu bikorwa bishinze imizi mu kwemera. Bakaba hafi abarwayi babaha ubufasha buhoraho, babuhagira, babambika cyangwa se babagaburira.

Icyo gikorwa cyo kwita ku barwayi gishobora kunaniza kandi kikanagorana cyane cyane iyo kirambiranye. Koko rero, biroroha gufasha umuntu mu minsi mike, ariko biragoye kwita ku muntu amezi n'amezi, imyaka n'imyaka mu gihe we atazashobora wenda no kugushimira. Nyamara iyo ni inzira ikomeye yo kwitagatifuza ! Muri icyo gihe uri kugenza utyo, izere rwose ko Nyagasani ari kumwe nawe, kandi ko ari umuganda ukomeye utanga mu butumwa bwa Kiliziya.

3. *Kugira ubuhanga bw'umutima ni ukubonera umwanya umuvandimwe*. Igihe cyose umara iruhande rw'umurwayi ni igihe gitagatifu. Ni igisingizo cy'Imana Yo idusanisha n'Umwana wayo « we utaraje gukorerwa, ahubwo yaje gukorera abandi no gutanga ubugingo bwe ngo bube incungu ya benshi» (Mt 20,28). Yezu ubwe niwe wivugiye ati : « Jyewe rero, ndi hagati yanyu nk'umuhereza !»(Lk 22,27).

N'ukwemera gushyitse, turasaba Roho Mutagatifu ngo aduhe ingabire yo kumva agaciro k'igikorwa cyo kubonera umwanya abavandimwe bacu, n'ubwo bwose bikorwa bucece mu buryo butazwi na bose, kuko kubaba hafi no kubitaho bituma bumva bakunzwe kandi bakabasha kwihangana. Nyamara ahubwo aribyo, mbega ukuntu mu mvugo zimwe na zimwe zikunze gutinda cyane ku «buzima bumeze neza

gusa» hahishemo ikinyoma cyo gupfobya ubuzima bw'abazahajwe n'indwara zikomeye ko nta gaciro bufite !

4. *Ubuhanga bw'umutima ni ukwiyibagirwa ugasanga umuvandimwe*. Iyi si yacu igenda irushaho rimwe na rimwe kwibagirwa agaciro k'igihe umuntu amara iruhande rw'umurwayi, kubera ko twugarijwe no guhora twihuta, ishyaka ry'umurimo, n'iry'umusaruro w'ibyo dukora, maze tukibagirwa agaciro ko kwitanga nta nyungu yindi muntu ategereje, gufata neza no kwita ku bandi. Mu by'ukuri, nyuma y'ibyo hihishe ukwemera kw'akazuyazi, kwiyibagiza iri jambo rya Nyagasani rivuga riti : « Ni njyewe mwabaga mubikoreye» (Mt 25,40).

Ngiyo impamvu itumye nongeye kwibutsa «ikintu cyihutirwa kurusha ibindi » cyo kwiyibagirwa ugasanga undi nka rimwe mu mategeko abiri y'ingenzi shingiro ry'imigenzo mbonezabupfura kandi nk'ikimenyetso kigaragara cyafasha umuntu mu kwisuzuma ngo amenye aho ageze mu kwakira ukwemera nk'impano ntagereranywa y'Imana» (Exhortation apostolique Evangelii gaudium, n.179). Kiliziya muri kamere yayo yo kogeza Inkuru Nziza havubukamo «urukundo nyarwo rw'umuvandimwe, impuhwe zimwumva, zimufasha kandi zikamurema agatima» (*idem*).

5. *Ubuhanga bw'umutima ni ukwifatanya n'umuvandimwe nta kumucira urubanza*. Urukundo rukenera igihe. Igihe cyo kuvura abarwayi n'igihe cyo kubasura. Igihe cyo kubaba hafi nk'uko Yobu yabikorewe n'inshuti ze : « Nuko baguma aho, bicaye hasi iruhande rwe, bahamara iminsi irindwi n'amajoro arindwi, nta jambo bamubwiye, kuko babonaga umubabaro we ari mwinshi cyane » (Yobu 2,13). Ariko izo nshuti za Yobu zari zihishe mu mutima wazo ko zabonaga nabi ibyari byamubayeho : Bakekaga ko ibyago byari byamugwiririye ari igihano cy'Imana kubera rimwe mu makosa ye. Nyamara, urukundo nyarwo ni ugusangira akababaro n'ubabaye utamucira urubanza, utagambiriye kumuhindura nk'aho ari umunyabyaha ; urukundo nyarwo ni urwirinda kwiyerurutsa ko rwicishije bugufi kandi mu byukuri rugamije gusa kwikuriza mu gikorwa cyiza cyabaye.

Akaga ka Yobu nta handi kabona igisubizo nyacyo atari ku musaraba wa Yezu, ho hagaragariye ku buryo buhebuje igikorwa cy'Imana cyo kwifatanya n'abantu, igikorwa kitagamije inyungu kandi cyuje impuhwe. Byongeye, icyo gisubizo

cy'urukundo rw'Imana ku mibabaro ya muntu, cyane cyane ku nzirakarengane, gikomeza kwigaragaza iteka n'iteka mu mubiri wa Kristu wazutse, mu bikomere bye byuje ikuzo, byo bisa n'amahomvu ku badafite ukwemera, ariko bikaba ikimenyetso gikomeye cy'ukwemera ku bagufite (reba *Inyigisho ku munsi w'ishyirwa mu batagatifu rya Yohani wa 23 na Johani Pawulo wa 2, 27 mata 2014*).

Byongeye kandi, iyo indwara, ukwigunga n'intege nke bizahaje impano y'ubuzima, ubababare bushobora gufasha ubunyuzemo kuronka ingabire no kugira ku buryo burushijeho ubuhanga bw'umutima. Ni yo mpamvu umuntu ashobora kumva impamvu Yobu nyuma y'akaga yahuye na ko yavuze atya abwira Imana ati : «Nari nkuzi mu mvugo none ubu ndakwiboneye»(Yobu 42,5). Bityo rero, n'abantu bagiye bahura kenshi n'ububabare bukomeye ariko bakabwakirana ukwemera, bashobora na bo kuba abahamya nyabo b'ukwemera kwakira kandi kukihanganira ububabare nyirizina, mu gihe muntu mu bwenge bwe, adashobora kubwiyumvisha bya nyabyo.

6. Ndagije uyu Munsi mpuzamahanga wahariwe kuzirikana ku barwayi Umubyeyi Bikira Mariya, we wakiriye mu nda ye kandi akemera kubyara Buhanga bwigize umuntu, Yezu Kristu, Umwami wacu.

Mubyeyi Mariya, wowe Cyicaro cy'Ubuhanga, nk'Umubyeyi wacu, hakirwa abarwayi bose n'ababitaho bose. Udufashe twese kuronka ubuhanga bw'umutima no kurushaho kubwongera tubikesheje kwita kuri bagenzi bacu bababaye no kwakirana ukwemera imibabaro yose duhura nayo.

Mbasabiye mwese ku Mana kandi mbahaye umugisha wanjye wa gishumba.

Bikorewe i Vatikani ku ya 3 ukuboza 2014, umunsi hibukwaho Mutagatifu Fransisko Xaveri

Papa Fransisiko